« COMMISSION DIOCESAINE POUR LA PASTORALE SOCIALE » YAKOZE INAMA INASUZUMA IMIKORERE N'ITEGANYABIKORWA BYAYO KU WA 27/02/2019

Inama yabereye ku Nyundo taliki ya 27/02/2019, iyobowe na Padiri Etienne MUKERAGABIRO, akaba na Perezida w'iyokomisiyo.

Inama yatangijwe n'isengesho, Umuyobozi w'Inama akomeza yifuriza ikaze abagize Komisiyo bose .Yashishikarije buri wese gukurikirana inama no kwisanzura mugutanga ibitekerezo byafasha komisiyo kurangiza neza inshingano yahawe n' Umwepiskopi wacu.

Umuyobozi wa komisiyo yamenyesheje abari mu nama ko hari bamwe mu bari bagize komisiyo bahawe ubutumwa hanze ya Diyosezi kuburyo batagishobora kwitabira inama : Abo ni Padiri Fraterne NAHIMANA na Sœur Aurélie MUKAMUTARAMBIRWA. Hari kandi na Madame Thérèse UMUTONI wimukiye i Nyamata.

Nyuma y'ijambo rifungura inama, abagize komisiyo bari mu nama bemeje ingingo baganiraho:

1. Kwibwirana
2. Gusomerwa inyandiko-mvugo y'inama y'ubushize yo kuwa 17/4/2018,
3. Raporo y'ibikorwa bya Caritas 2018 n'iteganyabikorwa 2019,
4. Raporo y'ibikorwa by'Ubutabera n'Amahoro 2018, n'iteganyabikorwa bya 2019,
5. Igenamigambi ry'imyaka 5 ya Caritas Nyundo,
6. Kungurana ibitekerezo no gufata imyanzuro

1. Ibyo Caritas yagezeho mu mwaka w'2018 mu mashami yayo yose ndetse n'iteganywabikorwa bya 2019

1) Ibyakozwe mu mwaka wa 2018

Buri shami rya « Caritas zone pastorale » ya Gisenyi ndetse na « zone pastorale ya Kibuye », ryatanze raporo ibyagezweho mu mwaka wa 2018. Icyagaragaye muri rusange ni uko ibikorwa byinshi uko byari byarateguwe byagezweho. Raporo y'Ishami ry'ibikorwa by'urukundo n'impuhwe igaragaza ko hakozwe byinshi cyane birenze ibyari biteganijwe. Impamvu ni uko iyo raporo igaragaza n'ibyakorewe muri paruwasi kandi bitari mu iteganyabikorwa rya Caritas ku rwego rwa Diyosezi mu mwaka wa 2018. Kuri ibyo hatanzwe icyifuzo ko Paruwasi nazo zanjya zigerageza gukora iteganyabikorwa kugira ngo rihurizwe hamwe mu rwego rwa Diyosezi.

Mu Ishami ry'Iterambere naho hakozwe ibirenze ibyari byarateganijwe kubera umushinga mushya « HUGUKA DUKORE- AKAZI KANOZE » watangiye hagati mu mwaka , mu kwezi kwagatandatu.

Naho kubijyanye n'ishami ry'ubuzima byagaragaye ko hakozwe byinshi. Abari mu nama basabye ko Ibigo Nderabuzima bya Diyosezi byaba intangarugero mu kubungabunga ubuzima no gutanga service nziza .Kwita ku isuku mu bigo Nderabuzima no mu baturage, gushyigikira Mutuweli , gukurikirana imikurire y'abana mu rwego rwo guhashya kugwingira no no guca bwaki mu bana. Abagize komisiyo bifuje ko ibigo Nderabuzima bya Diyosezi byagira umuco wo guhimbaza umunsi w'abarwayi.

2) Ibiteganyijwe mu mwaka wa 2019

Kubijyanye n'iteganyabikorwa, buri shami na none ryagaragaje ibyo riteganya gukora muri uyu mwaka wa 2019. Ikigaragara ni uko nko mu ishami ry'iterambere,ibyinshi bishingiye ku mishinga y'abaterankunga bigatuma ibikorwa byayo bitagera muri Paruwasi zose. Hifujwe ko abakozi babarizwa mu ishami ry'iterambere Bagerageza kujya basura Paruwasi zose n'aho imishinga idakorera kugira ngo bahugure kandi bahe imbaraga abakangurambaga b'amajyambere ku rwego rwa Paruwasi. Ibyo byasabwe kandi ishami ry'ubuzima kuko izo nzego zose zikwiye kwegera abakristu kugera mu miryango-remezo.

Abari mu nama bagarutse k'umunsi mpuzamahanga w'umukene washyizweho na Nyirubutungane Papa Francis basanga ari ngombwa ko wahabwa agaciro ukajya uhimbazwa muri paruwasi zose zigize Diyosezi ya Nyundo.

2. Ibikorwa byagezweho by'Ubutabera n'Amahoro 2018, n'iteganyabikorwa rya 2019

Umuhuzabikorwa w'Ubutabera n'amahoro yagaragaje ibyakozwe mu mushinga « Peace building watewe inkunga na Cafod » ,avuga ibyakozwe bijyana n'umwaka udasanzwe w'ubwiyunge. Ibikorwa byari biteganijwe byarakozwe kandi nk'uko inama y'ubushize yari yasabye ko bakwibanda ku mwaka w'ubumwe n'ubwiyunge byarubahirijwe bigera mu maparuwasi yose ndetse zaparuwasi zigira ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge ziyemeza.
Ku bijyanye n'iteganyabikorwa, bagaragaje y'uko Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro kuri ubu ntamuterankunga ifite. Hakozwe gusa iteganyabikorwa rigera mu kwezi kwa gatandatu 2019 .Harimo gusura Paruwasi ,amahugurwa mu rwego rwo kwibutsa abakangurambaga b'ubutabera n'amahoro ubutumwa bafite mu miryangoremezo.

3. Igenamigambi ry'imyaka 5 ya Caritas Nyundo (plan stratégique 2019-2023)

Abari mu nama bamenyeshejwe ko Caritas/zone pastorale Gisenyi yatangiye gukora iteganyabikorwa ry'imyaka itanu nk'uko inteko yayo yayibisabye. Havuzwe y'uko idakwiye kuba iya zone pastorale ahubwo yaba iya Caritas ya Diyosezi muri rusange. Nubwo byaba byaratangiriye ku Gisenyi. Beretswe intambwe imaze guterwa kandi havugwa ko bizagera mu kwezi kwa karindwi yararangiye kuburyo izatangira gukurikizwa.
Bamaze kumva ibikorwa byose byagezweho ndetse n'ibiteganywa gukorwa, bagiye bungurana ibitekerezo ku buryo ibintu byarushaho kugenda neza. Hibanzwe cyane cyane ku kibazo cy'amavuriro aho bigaragara ko imiyoborere n'imikorere y'amavuriro idahuye neza. Ibyo byatanzweho ibitekerezo hemezwa ko amavuriro ya Diyosezi ya Nyundo agomba kugendera hamwe ,agahuza imikorere .

4. <u>Imyanzuro y'inama</u>

Inama ya komisiyo« Diocésaine pour la pastorale sociale »yashoje ifashe imyanzuro ikurikira.

1) Buri paruwasi ijye itegura kandi ihimbaze neza umunsi w'umukene uba ku cyumweru cya 33 gisanzwe nk'uko twabisabwe na Nyirubutungane Papa Francis ,

2) Buri Paruwasi n'ibigo Nderabuzima bya Diyosezi bijye bishishikarizwa guhimbaza neza umunsi w'umurwayi,
3) Buri paruwasi yagombye kugira igihe nibura rimwe mu mwaka cyo gusura abagororwa
4) Caritas ya Diyosezi igire gahunda y'inama zihuza « coordinations médicales zone pastorale » Gisenyi na Kibuye, kugira ngo amavuriro ya Diyosezi ashobore kugendera hamwe,
5) Mu mikorere n'imikoranire myiza, caritas zaparuwasi zikore « planification » kandi zishyikirizwe kugihe urwego rwa Caritas ya Diyosezi kugira ngo ibishingireho muri « planification » yayo,
6) Amavuriro ya Diyosezi asabwe Kongera imbaraga muri gahunda yo kuboneza urubyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere,
7) Kongera imbaraga mu bikorwa bya Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ikarushaho kugaragara, kongerera abakangurambaga ubumenyi
8) Gushakira Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro imishinga yatuma irushaho kugaragara
9) Kwegera CEJP mu rwego rwo kunoza imikoranire yayo na CDJP, ibikorwa bya CEJP muri Diyosezi bikarushaho gusobanurwa.

TWAHIRWA Jean